

MICT-12-25
14-08-2014
(404/ter -386/ter)

404/ter
JN

UMURYANGO W'ABIBUMBYE

Urubanza n°: MICT-12-25



Urwego rushinzwe kurangiza imirimo y'Inkiko Tariki ya 19 Ukuboza 2013

Mpanabyaha Mpuzamahanga

Umwimerere: Icyongereza

Kuri: Perezida w'Urwego Rushinzwe Kurangiza Imirimo y'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga (« MICT »)

Binyujijwe kuri : Gerefiye wa MICT

Byanditswe na : Samuel Algozin
Umugenzuzi mu rubanza rwa Uwinkindi

Raporo y'ubugenzi mu rubanza rwa Uwinkindi (Ukwakira n'Ugushyingo 2013)

<p style="text-align: center;">Received by the Registry Mechanism for International Criminal Tribunals 14/08/2014 10:05</p>
--

A handwritten signature in black ink, appearing to be a stylized 'W' or a similar flourish, positioned below the stamp.

R(RM)13-0026K

Raporo y'ubugenzi mu rubanza rwa Uwinkindi (Ukwakira n'Ugushyingo 2013)

AMASHAKIRO

I.	INTANGIRIRO	3
II.	RAPORO MU MAGAMBO ARAMBUYE.....	3
A.	11 Ukwakira 2013 : Kubonana n'uwunganira Uregwa.....	3
B.	14 Ukwakira 2013 : Kubonana n' Umuyobozi wa Gereza	4
C.	14 Ukwakira 2013 : Kubonana na Uwinkindi.....	5
D.	16 Ukwakira 2013 : Kubonana na Porokireri Mukuru, na Porokireri Mukuru Wungirije...5	
E.	7 Ugushyingo 2013 : Kubonana n'abandi bayobozi bo mu bushinjacyaha	6
F.	7 Ugushyingo 2013 : Kubonana n' Umuyobozi wa Gereza	6
G.	8 Ugushyingo 2013 : Kubonana n'uwunganira Uregwa.	7
H.	8 Ugushyingo : Kubonana na Perezida w'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda.....	8
I.	Iburanisha ryo ku itariki ya 18 Ugushyingo 2013.....	8
J.	19 Ugushyingo 2013 : Kubonana n'Umunyamabanga Uhoro muri Minisiteri y'Ubutabera.....	12
K.	19-20 Ugushyingo 2013 : Kubonana na Uwinkindi n'umwunganira	14
L.	21-22 Ugushyingo 2013 : Kubonana n'uwunganira Uregwa	16
M.	21 Ugushyingo 2013 :Kubonana n'impuguke mu byo kwita ku batangabuhanya.....	17
N.	22 Ugushyingo 2013 : Kubonana na Perezida w'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda.....	18
III.	UMWANZURO	18

I. INTANGIRIRO

1. Iyi raporo y'ubugenzuzi irebana n'ibyakozwe mu rubanza rwa Uwinkindi mu nkiko z'u Rwanda, n'imibonano abagenzuzi bashyizweho na MICT bagiranye n'abantu batandukanye mu Ukwakira n'Ugushyingo 2013 (« igihe kirebwa n'iyi raporo »)¹. Mu gihe kirebwa n'iyi raporo, abagenzuzi Anees Ahmed na Samuel Algozin, bari kumwe, bagiye mu Rwanda inshuro enye².
2. Ku itariki ya 18 Ukwakira 2013, Urukiko Rukuru rw'u Rwanda rwagennye ko iburanisha ry' urubanza rwa Uwinkindi rizasubukurwa ku itariki ya 22 Mutarama 2014.

II. RAPORO MU MAGAMBO ARAMBUYE

A. 11 Ukwakira 2013: Kubonana n'uwunganira Uregwa

3. Ku itariki ya 11 Ukwakira 2013, nabonanye na Gatera Gashabana, umwunganizi washyizweho kugira ngo yunganire Uwinkindi. Icyo gihe hari na Anees Ahmed.
4. Gashabana yavuze ko amafaranga y'amanyarwanda 876.000 yatanzwe na Minisiteri y'Ubutabera kugira ngo hakorwe iperereza rigamije gushaka abatangabuhanya bari mu Rwanda³, ari ay'ingendo gusa. Yanavuze ko atigeze yishyurwa amafaranga yakoreye

¹ Perezida wa MICT yemereye abagenzuzi gutanga raporo ikomatanyije ukwezi k'Ukwakira n'uk'Ugushyingo 2013, ku itariki ya 21 Ugushyingo 2013. Amakuru amwe ajyanye n'ibyakozwe mu rubanza rwa Uwinkindi byakozwe mu Ukwakira 2013 byashyizwe muri raporo y'Ubugenzuzi bw'Urubanza rwa Uwinkindi (Nzeri 2013), 31 Ukwakira 2013 (Raporo y'Ubugenzuzi yo muri Nzeri). Aya makuru ntasubirwamo muri iyi raporo.

² Muri izi ngendo hakubiyemo kandi ibyakozwe mu rwego rw'igenzura mu rubanza rwa Munyagishari

³ Andi makuru arebana n'itangwa ry'aya mafaranga agamijwe gukoreshwa mu gukora iperereza ku batangabuhanya bari mu Rwanda ari muri raporo y'igenzura yo muri Nzeri.

kuva muri Gashyantare 2013 kandi yaratanzo inyandiko zishyuza kubera akazi yakoze muri Gashyantare, Werurwe na Mata 2013. Yavuze ko yasabye kubonana na Perezida w'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda⁴ kugira ngo bashakire umuti ibibazo bitarawubonerwa.

5. Gashabana yavuze ko Uwinkindi yamubwiye ko abantu batatu baje kumureba kuri gereza hari n' Umuyobozi wa gereza. Muri abo bantu batatu, harimo umukozi ushinzwe iby'amategeko muri gereza, n'uhagarariye Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Ighugu. Gashabana yavuze ko abo bashyitsi babajije Uwinkindi ibirebana n'ibiganiro agirana n'umwunganira, banamubwira ko ashobora kumuhindura, agafata undi. Gashabana yavuze ko atigeze amenyeshwa ko uyu mubonano uzabaho, ko kandi yawufashe nk'uburyo bwo kwivanga mu kazi ke nk'umwunganizi wa Uwinkindi. Yavuze ko asanga uko kwivanga bigira ingaruka ku migendekere iboneye y'iburanisha.
6. Agereranyije, Gashabana asanga, mu rubanza, azahamagaza abatangabuhanya 80. Yanatanze ikigereranyo avuga ko azakenera gushakisha abatangabuhanya bagera kuri 40 bari hanze y'u Rwanda.

B. 14 Ukwakira 2013: Kubonana n' Umuyobozi wa Gereza

7. Ku itariki ya 14 Ukwakira 2013, nabonanye na Rusa Gahima, Umuyobozi wa Gereza Nkuru ya Kigali (« Gereza ») aho Uwinkindi n'undi mufungwa woherejwe mu Rwanda n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (« TPIR »), hashingiwe ku Ngingo ya 11 bis, ari we Bernard Munyagishari, bafungiye. Nari ngamije kwiyereka uwo muyobozi, nk'umugenzi mushya washyizweho na MICT. Bityo rero, ibiganiro byacu byabaye ibyo mu rwego rusange, nta cyanditswe. Uwo munsi kandi, Gahima yamfashije kubonana na Uwinkindi.

⁴ Icyahoze cyitwa Urugaga rw'Abavoka b'i Kigali ubu ni Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda.

C. 14 Ukwakira 2013: Kubonana na Uwinkindi

8. Ku itariki ya 14 Ukwakira 2013, nabonanye na Uwinkindi kuri Gereza. Nari ngamije cyane cyane kumwiyyereka, nk'umugenzuzi mushya washyizweho. Mu rwego rw'uyu mubonano, nasuye igice cyihariye cya gereza Uwinkindi afungiyemo kandi nsura icyumba afungiyemo.
9. Ku birebana n'amafaranga yatanzwe yo gukora iperereza rigamije gushaka abatangabuhamya, Uwinkindi yavuze ko amafaranga yatanzwe adahagije. Ubushinjacyaha bwatangiye gushaka abatangabuhamya kuva mu wa 1998. Kubera ibyo rero, Uwinkindi avuga ko igihe cyatanzwe n'Urukiko cy'ukwezi kumwe kidahagije kugira ngo umuntu amenye aho abatangabuhamya baherereye kandi avugane na bo. Ikindi kandi, yavuze ko amafaranga 876.000 yatanzwe adahagije mu rwego rwo gushaka abatangabuhamya.
10. Uwinkindi yavuze ko abangamiwe mu rubanza rwe kubera ko, bubinyujije kuri radiyo no mu binyamakuru, Ubushinjacyaha bumwita umwicanyi. Yavuze kandi ko, bukoreshjeje itangazamakuru, Ubushinjacyaha buvuga ko abunganizi be barya amafaranga y'abaturage kandi ntibakore iperereza. Yavuze ko iki ari igitutsi ku bunganizi be.
11. Uwinkindi yasabye ko yazaba ari kumwe n'umwunganira umunsi abagenzuzi bagarutse kubonana na we.

D. 16 Ukwakira 2013: Kubonana na Porokireri Mukuru, na Porokireri Mukuru Wungirije

12. Ku itariki ya 16 Ukwakira 2013, nabonanye na Porokireri Mukuru w'u Rwanda Richard Muhamuza na Porokireri Mukuru Wungirije Agnès Mukagashugi. Nari ngamije

kwiyereka abo bayobozi, nk'umugenzuzi mushya washyizweho. Kubera izo mpamvu, nta bintu bikomeye byaganiriweho kandi nta cyanditswe.

E. 7 Ugushyingo 2013: Kubonana n'abandi bayobozi bo mu bushinjacyaha

13. Ku itariki ya 7 Ugushyingo 2013, nabonanye na Florida Kabasinga, umujyanama wa Porokireri Mukuru mu by'amategeko na Jean Bosco Mutangana, umushinjacyaha ukuriye abandi mu bahagarariye Ubushinjacyaha mu rubanza rwa Uwunkindi.
14. Mutangana yibutse ko urubanza rwa Uwinkindi ruteganyijwe kuburanishwa ku itariki ya 18 Ugushyingo 2013. Mutangana yizeraga ko Ubwunganizi buzatanga imyanzuro mbanzirizarubanza ku itariki ya 13 Ugushyingo 2013, bushingiye ku buhamya bw'abatangabuhamya bari mu Rwanda. Ubushinjacyaha bwari bwiteguye kuburana ku itariki ya 18 Ugushyingo 2013.
15. Mutangana yavuze ko urubanza nirutangira, Urukiko ruzahamagara abatangabuhamya bashinja bakaza gutanga ubuhamya. Ubushinjacyaha bwateganyaga guhamagaza abatangabuhamya bagera kuri 30. Mutangana yavuze ko uburyo abatangabuhamya bashinja bazakurikirana bizagenwa n'Urukiko kandi ko Ubushinjacyaha budafite gahunda runaka ijyanye no guhitamo uburyo abo batangabuhamya bazakurikirana.

F. 7 Ugushyingo 2013: Kubonana n' Umuyobozi wa Gereza

16. Ku itariki ya 7 Ugushyingo 2013, nongeye kubonana n' Umuyobozi wa Gereza, Gahima. Gahima yavuze ko Gereza iri gushyira mu bikorwa ingamba zivugwa muri raporo y'ubugenzuzi yo muri Nzeri 2013, zirevana n'imibereho myiza y'abafungwa bafungiye mu gice cyihariye cya Gereza⁵. Yavuze ko ubu amafunguro ahabwa abafungwa ategurwa babanje kubivuganaho n'impuguke mu byerekeye imirire myiza. Yanavuze ko

⁵ Reba raporo y'ubugenzuzi yo muri Nzeri, igika cya 31.

abafungwa bahabwa ibikoresho by'isuku bya ngombwa n'ibiriyamirwa kandi ko bemerewe gukora siporo kabiri mu cyumweru. Gereza yari igikeneye kugura televiziyo na decoderi kugira ngo abafungwa bashobore kubona ibiganiro bica ku mirongo ya televeziyo myinshi. Gahima yongeyeho ko abafungwa bose bivuriza mu Bitaro Byitiriwe Umwami Faisal kandi ko bajyanwayo babisabye. Yavuze ko amafaranga yo kubaka inzu nshya mu gice cyihariye ataraboneka, ko ariko azakomeza gukora ibyangombwa kugira ngo ayo mafaranga aboneke. Yavuze kandi ko nta bibazo biri mu rwego rwo gusura abafungwa cyangwa mu rwo kubonana n'abunganizi babo.

G. 8 Ugushyingo 2013: Kubonana n'uwunganira Uregwa.

17. Ku itariki ya 8 Ugushyingo 2013, nongeye kubonana na Gashabana, umwunganizi w'Uregwa. Gashabana yavuze ko Minisiteri y'Ubutabera yoherereje ibaruwa Perezida w'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda, ivuga ko amasezerano yari ifitanye na Gashabana yo kwishyurwa amafaranga y'akazi mu rubanza rwa Uwinkindi asheshwe kuva ku itariki ya 1 Ugushyingo 2013.
18. Minisiteri y'Ubutabera yateguye andi masezerano y'akazi mashya, ikaba yarasabaga Gashabana kujya kuri iyo minisiteri kuyasinya. Amafaranga azishyurwa hakurikijwe amasezerano mashya ni umubumbe ungana na 15.000.000. Andi mafaranga ayo ari yo yose yatanzwe mu rwego rwo kunganira Uwinkindi, azavanwa muri uwo mubumbe. Gashabana yavuze ko yamaze guhabwa arenga 15.000.000 mu rwego rwo kunganira Uwinkindi. Umubumbe w'amafaranga, mu rwego rw'ubwisyu bushya, ntuteganya amafaranga y'ingendo. Ayo masezerano mashya agomba kubahirizwa ku manza zose zoherejwe mu Rwanda.
19. Gashabana yavuze ko Minisiteri y'Ubutabera itaramushyikiriza kopi y'ayo masezerano y'akazi. Yashyikirijwe gusa ibaruwa ikubiyemo bimwe mu bikubiye muri ayo masezerano y'akazi.

20. Gashabana yavuze ko, uko biteganywa mu masezerano mashya, umwunganizi azajya akorana na Minisiteri y'Ubutabera mu buryo butaziguye ku birebana no kwishyurwa amafaranga y'akazi, Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda rutabigizemo uruhare. Uko byari bisanzwe, Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda rwabanzaga kwemera fagitiri zatanzwe na Avoka washinzwe urubanza noneho Minisiteri y'Ubutabera ikishyura amafaranga ari kuri izo fagitiri. Mu buryo bushya, za fagitiri zizajya zihita zijya muri Minisiteri y'Ubutabera, Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda rukaba nta ruhare ruzagira mu micungire y'ubwo buryo bushya. Gashabana yavuze ko iyi mikorere mishya itarengera avoka nk'uko byari bisanzwe kandi ko ishobora kuzabangamira ubwisanzure bw'avoka mu kazi ke. Yavuze ko Minisiteri y'Ubutabera ishobora kwirukana avoka n'yo uwo yunganira yaba amwemera.
21. Gashabana yavuze ko iyi mikorere mishya yo guhemba abavoka itubahirije ibisabwa by'ibanze ngenderwaho kugira ngo urubanza ruburanishwe mu buryo buboneye kandi ko ibangamiye ihame rivuga ko ababuranyi bagomba kugira uburyo bungana. Yavuze ko asanga bidashoboka gusinya ayo masezerano y'akazi akurikije ibiyateganyamo. Yavuze ko azohereraza Minisiteri y'Ubutabera amasezerano atandukanye n'avugwa n'ubwo yiteze ko azashyirwaho iterabwoba niyanga gusinya ayateguwe n'yo minisiteri. Yavuze ko yamenyesheje uwo yunganira ibirebana n'ubwo buryo bushya bwo kwishyurwa. Yanavuze ko ibibazo by'amafaranga byatumye akazi ke ko kunganira Uwinkindi gakomera kurushaho.

H. 8 Ugushyingo: Kubonana na Perezida w'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda

22. Ku itariki ya 8 Ugushyingo 2013, nasuye Perezida w'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda Athanase Rutabingwa. Nari ngamije kumwiyeraka nk'umugenzi mushya washyizweho, bityo ibiganiro twagiranye byari ibyo mu rwego rusange kandi nta cyanditswe.

I. Iburanisha ryo ku itariki ya 18 Ugushyingo 2013

23. Ku itariki ya 18 Ugushyingo 2013, inteko y'abacamanza batatu bo mu Rukiko Rukuru rw'u Rwanda, yaburanishije urubanza rwa Uwinkindi, nyuma y'isubikwa ryo ku itariki ya 11 Ukwakira 2013⁶. Ubushinjacyaha bwari buhagarariwe na Jean Bosco Mutangana. Uwinkindi yari yunganiwe na Gatera Gashabana.
24. Mu ikubitiro, Urukiko rwavuze ko Gatera Gashabana yarushyikirije ibaruwa isaba gusubika urubanza. Porokireri na we yavuze ko yabonye kopi y'iyo baruwa.
25. Gashabana yafashe ijambo abwira Urukiko ko, ku itarikiya 31 Ukwakira 2013, yabonye ibaruwa ya Minisiteri y'Ubutabera⁷, ivuga ko uburyo bwo kwishyura abavoka buri guhindurwa kandi ko amasezerano y'akazi yakoreragaho asheshwe. Yavuze ko we nka avoka wa Uwinkindi, ubu agomba gukorana na Minisiteri y'Ubutabera mu buryo butaziguye ku birebana no kwishyurwa, aho kubinyuza ku Rugaga rw'Abavoka mu Rwanda. Yavuze ko yabonye ibaruwa imuhamagaza kuri iyo minisiteri ku birebana n'ubwo buryo bushya bwo kwishyurwa.
26. Amaze kubona iyo baruwa, Gashabana yafashe ko, kubera ko uburyo bwo guhembwa yakoreregaho butari bugifite agaciro, akazi yakoraga mu rwego rwo kunganira Uwinkindi kari gahagaze. Yabwiye Urukiko ko kubera ibyo, atagombaga kuba yaje mu rubanza, ko ariko yaje kubera kubaha Urukiko. Muri make, Gashabana yavuze ko Uwinkindi nta avoka agifite kubera ko amasezerano mashya arevana no kwishyurwa amafaranga ajyanye no kumwunganira atarashyirwaho umukono.
27. Urukiko rwasabye Uwinkindi gufata ijambo. Uwinkindi yashimiye Perezida w'inteko, avuga ko adashobora gukomeza kuburana adafite umwunganira.

⁶ Reba raporo y'ubugenzuzi yo muri Nzeri, ibika 5-17, ku birebana n'incamake y'iburanisha ryo ku itariki ya 11 Ukwakira 2013.

⁷ Gashabana yashykirije abagenzuzi kopi y'iyo baruwa.

28. Urukiko rwasabye Porokireri kugira icyo abivugaho. Porokireri yasubije avuga ko ibaruwa yo ku itariki ya 31 Ukwakira 2013 ya Minisiteri y'Ubutabera yasabaga Gashabana kujya kuri iyo minisiteri kugira ngo bavugane ku masezerano mashya y'akazi. Yibajije impamvu uwunganira Uregwa atagiye kuri Minisiteri y'Ubutabera kuvugana na yo ku masezerano mashya. Porokireri yemeje ko Gashabana akiri avoka wa Uwinkindi, ko Urukiko rukwiye kubaza Uwinkindi niba ashaka kumuhindura.
29. Gashabana yasubije ko mu by'ukuri yagiye kuri Minisiteri y'Uutabera amaze kubona iyo baruwa. Yavuze ko iyo minisiteri yamweretse umushinga w'amasezerano, kandi ko yayishyikirije, mu nyandiko, icyo yatekerezaga kuri uwo mushinga. Yavuze ko ategereje kugirana indi nama na Minisiteri y'Ubutabera.
30. Gashabana yamenyesheje kandi Urukiko ko Perezida w'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda yamwoherereje ibaruwa ivuga ko amasezerano ya mbere yo kwishyurwa yari yasinye ku itariki ya 31 Ukwakira 2012, atagifite agaciro kuva ku itariki ya 1 Ugushyingo 2013. Yabwiye Urukiko ko ibyo bisobanura ko akazi ke nk'umwunganizi wa Uwinkindi kahagaze, ko nta kindi ashobora gukora kugeza igihe amasezerano mashya azaba yashyiriweho umukono. Ayo mabaruwa ntateganya ikigomba gukorwa mu gihe hagitegerezwe gushyira umukono ku masezerano mashya.
31. Urukiko rwabajije Gashabana iminsi akeneye kugira ngo abe yarangije ibijyanye no gusinya amasezerano mashya arebana no kwishyurwa. Gashabana yavuze ko adashobora guha Urukiko itariki nyayo bitewe n'imiterere y'uburyo bushya bwo kwishyurwa itarumvikanwaho. Yasabye Urukiko kwimurira iburanisha ku yindi tariki, arumenyesha ko azagerageza kwihutisha isinywa ry'amasezerano mashya.
32. Urukiko rwabajije Gashabana niba ateganya ko ashobora kuzahagarika kunganira Uwinkindi. Gashabana yavuze ko nta gahunda afite yo guhagarika kunganira Uwinkindi, ko ariko naramuka atemeye ibikubiye mu masezerano mashya, bishobora gutuma

ahagarika akazi ke ko kumwunganira. Yavuze ko azakora ibishoboka byose kugira ngo yumvikane na Minisiteri y'Ubutabera, ko yatangiye akazi, kandi ko yifuza kugaszoza. Yongeye kuvuga ko ashaka kuganira na Minisiteri y'Ubutabera no kumvikana na yo.

33. Urukiko rwabajije Gashabana niba hari ibibazo biri mu biganiro agirana na Minisiteri y'Ubutabera, no kurubwira ko azarumenyesha niba imishyikirano igenda neza. Gashabana yavuze ko ubwo yajyaga kuri Minisiteri y'Ubutabera, yeretswe amasezerano y'akazi ateganywa, ko kandi yabahaye ibitekerezo bye kuri ayo masezerano ku itariki ya 11 Ugushyingo 2013. Ku birebana n'itariki y'iburanisha, yavuze ko ategereje igisubizo cya Minisiteri y'Ubutabera ku bitekerezo bye.
34. Urukiko rwabajije Gashabana niba yaratangiye gukora iperereza rigamije gushaka abatangabuhunya kuva ku itariki ya 11 Ukwakira 2013, iburanisha ryasubitsweho. Gashabana yavuze ko koko yatangiye gukora iperereza rirebana no gushaka abatangabuhunya bari mu Rwanda, ko ariko atararitangira ku birebana n'abatangabuhunya bari mu mahanga. Yanamenyesheje Urukiko ko yahagaritse iperereza yakoraga akimara kubona ibaruwa ya Minisiteri y'Ubutabera ku itariki ya 31 Ukwakira 2013.
35. Porokireri yavuze ko asanga Gashabana yaratangiye gushaka abatangabuhunya. Yanavuze ko yemera ko uwunganira Uregwa akeneye kuvugana na Minisiteri y'Ubutabera ku masezerano mashya yo kwishyurwa, atsindagira ko bigomba gukorwa mu buryo bwihuse cyane kugira ngo urubanza rushobore gukomeza. Yasabye ko Ubwunganizi bwakomeza gukora iperereza maze, ku itariki y'iburanisha ritaha, bukazamenyesha Urukiko aho rigeze kugira ngo urubanza rwhute.
36. Urukiko rwabajije Gashabana igihe ibiganiro na Minisiteri y'Ubutabera ku masezerano mashya bishobora kumara. Gashabana yongeye kuvuga ko nta tariki ashobora gutanga, kubera ko atari we wenyine ubifitemo uruhare. Yavuze ko azandikira Minisiteri y'Ubutabera ayisaba kubonana na yo ngo barangize icyo kibazo.

37. Urukiko rwabwiye Gashabana ko Minisiteri y'Ubutabera itigeze imusaba gusubiza amafaranga yahawe yo gukora iperereza rigamije gushaka abatangabuhamya. Kubera izo mpamvu, Urukiko rwavuze ko Gashabana agomba gukomeza iryo perereza.
38. Gashabana yabwiye Urukiko ko ikibazo cy'ingezi atari ugucombeza iperereza, ko ahubwo ari ikirebana na manda ye nk'umwunganizi washyizweho kugira ngo yunganire Uwinkindi. Amaze kubona amabaruwa avugwa, byarumvikanaga ko atari agifite manda yo kunganira Uwinkindi. Yakoze iperereza kugeza ku itariki ya 31 Ukwakira 2013, ariko ahita abihagarika amaze kubona ibaruwa yo ku itariki ya 31 Ukwakira 2013. Yasubiyemo ko Minisiteri y'Ubutabera itateganyije uko ibantu bizagenda hagati y'itariki amasezerano ya mbere yahagarikiweho n'igihe amashya azashyirirwaho umukono.
39. Porokireri ntiyemeye ko manda y'Uwunganira Uregwa yahagaze. Yavuze ko Minisiteri y'Ubutabera itanga amafaranga gusa naho Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda rukagena uwunganira Uwinkindi. Yemeje ko Minisiteri y'Ubutabera nta ho ihuriye na manda yo kunganira umuntu.
40. Gashabana yavuze ko Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda rwamushyizeho kugira ngo yunganire Uwinkindi. Cyakora yongeye gushimangira ko manda ye yahagaze kuva akibona ibaruwa yo ku itariki ya 31 Ukwakira 2013.
41. Nyuma yo kwiherera igihe gito, Urukiko rwemeye icyifuzo cy'Ubwunganizi cyo gusubika urubanza. Urukiko rwategetse Ubwunganizi gutanga imyanzuro yabwo ku itariki ya 13 Mutarama 2013[SIC!], rwimirira iburanisha ku itariki ya 22 Mutarama 2013[SIC!].

J. 19 Ugushyingo 2013: Kubonana n'Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubutabera.

42. Ku itariki ya 19 Ugushyingo 2013, nabonanye na Pascal Bizimana, Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta Yungirije.
43. Bizimana yavuze ko yandikiye Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda ku itariki ya 1 Ugushyingo 2013 ku birebana n'impinduka mu buryo bushya bwo kwishyura mu rubanza rwa Uwinkindi no mu zindi manza zoherejwe mu Rwanda. Gahunda nshya yo kwishyura iteganywa, izashyiraho uburyo bwo kwishyura bushingiye ku mubumbe w'amafaranga, hakaja hatangwa kuri buri rubanza umubare w'amafaranga wagenwe mbere.
44. Bizimana yavuze ko yasabye abavoka bunganira Uwinkindi kubonana na we ku biro bye ku itariki ya 8 Ugushyingo 2013. Yavuze ko abo bavoka baje ku munsi bahawe, akabaha kopi y'amasezerano y'akazi ateganywa kuzagenderwaho.
45. Imyishurire mishya yateguwe nyuma y'inama Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda rwagiranye na Minisitiri w'Ubutabera. Bizimana yavuze ko impunduka zari zikenewe kubera ko gahunda ya mbere yo kwishyura ku isaha, abantu bishyurwaga n'iyo nta kazi kagaragara kabaga kakozwe.
46. Bizimana yavuze ko ikipe yunganira Uwinkindi yishyuwe miliyoni 28 z'amafaranga y'u Rwanda, ko kandi hari fagitiri itarishyurwa ya miliyoni 10. Izo miliyoni 10 ntizirishyurwa kuko Minisiteri y'Ubutabera igomba gukoresha igenzura ku mikoreshereze ya ziriya miliyoni 28 mbere yo gusohora andi. Yavuze kandi ko ikipe yunganira Uwinkindi yahawe amafaranga yo kubonana n'abatangabuhanya.
47. Hakurikijwe uburyo bushya bwo kwishyurwa, Ubwunganizi buzahabwa izindi miliyoni eshanu. Bizimana yavuze ko Ubwunganizi bushobora kuvuga amafaranga bubona akwiye. Amafaranga y'ingendo zo kujya kubonana n'abatangabuhanya ntateganywa mu masezerano, akaba azatangwa ukwayo.

48. Bizimana yavuze ko ikipe yunganira Uwinkindi yari ifite uburenganzira bwo kwemera cyangwa kutemera amasezerano mashya, ko ariko yahisemo gutinza ibintu. Yavuze ko Minisiteri y'Ubutabera atari yo nyirabayazana mu gutinza urubanza mu buryo ubwo ari bwo bwose. Yatsindagiye ko Guverinoma ifite inshingano yo gushakira abaregwa abunganizi ariko ko batagomba kubigenderaho ngo bigwizeho amafaranga. Ahubwo ni uburyo bwo gufasha abafungwa. Bizimana yavuze ko amafaranga ateganywa arenze kure ayo abunganizi bahabwa ku manza nshinjabyaha mu Rwanda.
49. Bizimana yavuze ko Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda rugifite ububasha bwo kugena abunganizi muri gahunda nshya yo kwishyura iteganywa, ko Minisiteri y'Ubutabera nta ruhare igira mu kugena abunganizi.
50. Bizimana yahakanye ko Minisiteri y'Ubutabera yigeze ivuga ko Gashabana atakiri umwunganizi wa Uwinkindi.

K. 19-20 Ugushyingo 2013: Kubonana na Uwinkindi n'umwunganira

51. Ku itariki ya 19 Ugushyingo 2013, nabonaniye na Uwinkindi mu gice cyihariye cya Gereza. Munyagishari na we yari ahari. Uwinkindi yavuze ko ku itariki ya 14 Ugushyingo 2013, «maneko w'umupolisi» yaje mu gice cyihariye cya Gereza, akamuganiriza we n'abandi bafungwa. Uwo mupolisi yavuze ko igihe cyose azaba yahawe uruhushya rwo kubica, azabica . Uwinkindi yavuze ko ba «maneko» binjira kenshi mu gice cyihariye cya Gereza.
52. Mu gihe twaganiraga, undi muntu yagaragaye mu gice cyihariye cya Gereza, Munyagishari avuga ko uwo muntu ari umwe muri ba «maneko». Nashatse Umuyobozi wa gereza kugira ngo angene ahandi hantu twaganirira, hatari abandi bantu.

Umuyobozi wa gereza ntiyari ahari, bityo niyemeza kugaruka undi muni muri icyo cyumweru kuvugana na Uwinkindi⁸.

53. Ku itariki ya 20 Ugushyingo 2013, nabonanye na Uwinkindi na Gashabana kuri gereza.
54. Gashabana yavuze ko ari kugirana ibiganiro n'ababishinzwe ku bijyanye n'umushinga w'amasezerano mashya. Gashabana yoherereje ibitekerezo bye birebana n'ayo masezerano mashya Minisiteri y'Ubutabera ku itariki ya 11 Ugushyingo 2013. Yanasabye Minisiteri y'Ubutabera kumwishyura fagitiri z'ibirarane.
55. Gashabana yavuze ko asanga amasezerano mashya ateganywa kuzagenderwaho atajyanye na busa n'ibisabwa by'ibanze ngenderwaho kugira ngo urubanza rucibwe mu buryo buboneye. Yavuze ko ateganya kuzakomeza gukora iperereza rigamije gushaka abatangabuhama, rikaba rizasozwa n'iyo amasezerano mashya y'akazi atashyirwaho umukono. Uko byagenda kose, azubahiriza icyemezo cy'Urukiko, atange imyanzuro ye ku itariki ya 13 Mutarama 2014.
56. Gashabana yavuze ko iyo yinjiye muri gereza gusura uwo yunganira, abapolisi ba gereza bandika mu gitabo igihe ahamara buri gihe. Abapolisi ba gereza bahawe amabwiriza n'Umuyobozi wa gereza yo kutagira uwo baha kopi y'izo raporo.
57. Gashabana yongeye kuvuga ko mu Ukwakira 2013 Uwinkindi yasuwe n'abantu bane kuri gereza. Umwe yari avuye muri Minisiteri y'Ubutabera, undi muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, undi mu Buyobozi bw'Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Abafungwa n'Abagororwa, bari kumwe n'Umuyobozi wa Gereza. Icyo gihe bamubajije ibibazo ku mibanire ye n'umwunganira. Bamubajije igahe umwunganira azira kumureba n'igihe bamarana ndetse n'ibyo bavugana. Banamubajije impamvu adahindura umwunganira.

⁸ Nyuma yaho naje kuvugana n'Umuyobozi wa gereza ku itariki ya 20 Ugushyingo 2013, mumenyesha ko hakenewe ahantu hiherereye ho kuvuganira n'umufungwa, yemera kuhashaka.

Uwinkindi yari wenyine icyo gihe atari kumwe n'umwunganira. Uwinkindi yababawiye ko atumva impamvu bamubaza ibyo bibazo, babonye nta makuru bari bumukuremo, bararakaye. Gashabana avuga ko iyi mikorere ari ukwivanga mu kazi ke.

58. Ku birebana n'iburanisha ryo ku itariki ya 18 Ugushyingo 2013, Uwinkindi yavuze ko yabonye abacamanza basa nk'aho bashaka ko umwunganizi we areka kumwunaganira. Yavuze ko abona ari ikibazo kuba Minisiteri y'Ubutabera ishaka kugira uruhare mu guhemba umwunganira. Yavuze ko ari ibintu bibangamiye ubwigenge mu rubanza, kuko ba porokireri bakorera Minisiteri y'Ubutabera. Yavuze ko Minisiteri y'Ubutabera ishaka guhagarika abamwunganira ikishyiriraho abavoka bayo. Yavuze ko agomba kugira uburenganzira bwo guhitamo abamwunganira.
59. Uwinkindi yavuze ko ashaka ko abamwunganira ubu bakomeza kumwunganira. Yatsindagiye ko abamwunganira bagomba kugira ubwigenge kandi ko batagomba gushyirwa ku nkeke na Guverinoma. Yakomeje avuga ko urubanza rwe rwari kuba rwarangiye iyo rutoherezwa mu Rwanda.
60. Uwinkindi nta cyo yavuze ku buryo afunzwemo, avuga ko ikimushishikaje ari uko ubutabera bwubahirizwa.

L. 21-22 Ugushyingo 2013: Kubonana n'uwunganira Uregwa

61. Gashabana yavuze ko Minisiteri y'Ubutabera yatanze igisubizo ku bitekerezo yari yatanze ku buryo bushya bwo kwishyurwa. Minisiteri y'Ubutabera yavuze ko yiteguye gutanga umubumbe w'amafaranga wa miliyoni eshanu. Gashabana ntiyamenye niba ayo mafaranga arebana n'imirimbo yakozwe. Yavuze ko ayo mafaranga atajyanye n'ibisabwa mpuzamahanga by'ibanze ngenderwaho kugira ngo urubanza ruburanishwe mu buryo buboneye. Yavuze ko itanga amasezerano mashya ateganywa kuzagenderwaho, Minisiteri y'Ubutabera yavuze ko ajyanye na gahunda y'ubutabera ikurikizwa mu Rwanda. Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda nta ruhare rufite muri ayo masezerano

mashya. Gashabana yavuze ko azoherereza Minisiteri y'Ubutabera ibitekerezo bye bya nyuma mu nyandiko. Ku itariki ya 22 Ugushyingo 2013, Gashabana yampaye kopi y'amasezerano mashya, n'amabaruwa yandikiranye na Minisiteri y'Ubutabera.

M. 21 Ugushyingo 2013: Kubonana n'impuguke mu byo kwita ku batangabuhanya.

62. Ku itariki ya 21 Ugushyingo 2013, nabonanaye na Janvier Bayingana, impuguke yo mu Rukiko rw'Ikirenga rw'u Rwanda ku birebana no kwita ku batangabuhanya. Bayingana yavuze ko ibiro bye byiteguye gufasha abatangabuhanya bazatanga ubuhanya mu rubanza rwa Uwinkindi no mu zindi manza zoherejwe mu Rwanda, avuga ko muri urwo rwego bazafasha abatangabuhanya harimo n'ibirebana n'ingendo, amacumbi, amazu arindiwe umutekano, n'ikoranabuhanga mu gutanga ubuhanya hakoreshejwe itumanaho rya videwo ku batangabuhanya batazashobora kuza i Kigali gutanga ubuhanya.
63. Bayingana yavuze ko ibiro bye byakoranye n'izindi nzego za Leta nk'igipolisi mu rwego rwo kuzimenesha aho ibintu bigeze no kuzihugura ku birebana n'uburyo abatangabuhanya bagomba kwitabwaho.
64. Bayingana yatsindagiye ko ibiro bye ntaho bibogamiye, ko kandi abatangabuhanya bashinja n'abashinjura bazafatwa kimwe. Yavuze ko yamenyesheje Ubwunganizi bwa Uwinkindi ibirebana n'ubufasha ibiro bye butanga, ko kandi yiteguye gukomeza kuvugana n'ubwo Bwunganizi kugira ngo bushobore gukoresha ubufasha butangwa n'ibiro bishinzwe kwita ku batangabuhanya. Yavuze ko ari ngombwa guha ibiro bye amakuru yerekeye abatangabuhanya kugira ngo ababikoramo bajye aho abatangabuhanya baherereye, bityo bamenye icyo buri mutangabuhanya akeneye, harimo no kureba n'ababa bafite ibibazo birebana n'umutekano wabo.
65. Bayingana yadutambagije icyumba cy'iburanisha gishya cy'Urukiko Rukuru, cyubatse mu buryo butuma abatangabuhanya barindiwe umutekano bashobora gutanga ubuhanya.

N. 22 Ugushyingo 2013: Kubonana na Perezida w'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda.

66. Ku itariki ya 22 Ugushyingo 2013, nongeye kubonana na Rutabingwa, Perezida w'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda. Rutabingwa yavuze ko yabonanye na Minisiteri y'Ubutabera, bakavuga ko iyo minisiteri izajya yumvikana, mu buryo butaziguye, n'Umwunganizi ku mafaranga agomba guhembwa.
67. Rutabingwa yaje kubona nyuma ibaruwa ivuye muri Minisiteri y'Ubutabera ihindura uburyo bwo kwishyurwa mu rubanza rwa Uwinkindi no mu zindi manza zoherejwe mu Rwanda. Yavuze ko yabwiye ababuranyi ko bagomba kuzajya bishyuza Minisiteri y'Ubutabera amafaranga ajyanye n'akazi bakoze. Hakurikijwe ubwo buryo bushya bwo kwishyurwa, amafaranga ntazongera kunyuzwa mu Rugaga rw'Abavoka mu Rwanda.
68. Rutabingwa yavuze ko mu rwego rwa gahunda nshya yo kwishyurwa, Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda rushobora kuzagira uruhare mu gushyira umukono ku masezerano kugira ngo rushobore gukurikirana ko akazi gakorwa neza.

III. UMWANZURO

69. Iburanisha ritaha mu rubanza rwa Uwinkindi mu Rukiko Rukuru, riteganyijwe ku itariki ya 22 Mutarama 2014.
70. Ibiganiro biracyakomeza hagati y'Ubwunganizi na Minisiteri y'Ubutabera ku birebana n'amafaranga y'ibihembo by'Ubwunganizi.

Murakoze

(Umukono)

Samuel Algozin

Umugenzuzi wa MICT mu rubanza rwa Uwinkindi